# IJAMBO

Tél. : 7 25 95 B.P. 332 KIGALI

N°14 70 Fr



Dushyigikiye kutaniganwa
**Ijambo**
*Perezida HABYARIMANA*

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1313 Kigali
RWANDA

# Abaturage b'i KINYAMI bati : Burugumesitiri ni inkotanyi

# Imbabazi zagiririrwa abandi...

Umucamanza : Mwari kurwana n'abasirikare bahe se ?

M.S. : Ngo bari Rwakigeri.

Umucamanza : Iyo myiteguro nyine mwari gukora, nyuma yayo ko wumva mwari kugira icyo mugeraho nyine, kandi akaba ari indwano, mwari kurwana na nde ? Aho ntuhasobanuye.

Umucamanza : Ese ni abaturage ba he ?

M.S. : Abaturage bose batuye muri ako gace.

Umucamanza : RWIGEMA se uwo ni muntu ki ?

M.S. : Ni umuntu warwanaga intambara yabereye mu Mutara.



M.S. : Twari kurwana n'abantu bari epfo iriya Rwakigeri ku mupaka w'u Rwanda na Tanzaniya.

Umucamanza : Murwana se muharwanira nda nde ?

M.S. : N'abaturage.

Umucamanza : Mubahora iki se ?

M.S. : Ngo kugira ngo dufashe ba RWIGEMA. (Abaje kumva urubanza baraseka cyane)

Umucamanza : Ngo yarwanaga na nde se?

M.S. : N'abanyarwanda.

Umucamanza : Aturutse he ?

M.S. : Tanzaniya.

Umucamanza : RWIGEMA se wari usanzwe umuzi ?

M.S. : Oya ntabwo nari muzi usibye ko ariwe wamuvugaga.

*Bikurikira IJAMBO No 13 ur*

Umucamanza : None se ko mu i... ryawe rya mbere dusanga waremeye... mugambi KARURANGA yari yakug... ho, ukatubwira ko ari ukurwana n... nyarwandab'abahutu ngo k... ko bishe se, bakamutaba akaribwa... siga tugasanga harimo abantu mw... mbaga gufatanya imirwano : SEMU... NZI, SEMASHYASHYARI, KABE... KA, NZABONIMANA, MAHIRA... MUNYARUGERERO, KARURAN... nawe ubwe na SOTERA.

Kandi ukaba uvuga ko wari wabyem... ariko ngo akaba yari yababwiye ko n... ramuka mutsinze buri wese azabona... faranga ibihumbi 70, ibyo uko wabi... mbere Si ko bikiri nyine ?

M.S. : Ni ko bikiri ariko jye ntab... nabyemeye (Abaje mu rubanza b... raseka).

Umucamanza : Hanyuma se ko mb... wavugaga ko ubyemeye ?

M.S. : Ntabwo nabyemeye (ab... mu rubanza baraseka).

Umucamanza : Ko uhakanye ubung... se ubwo urashaka kugera kuki ?

M.S. : Na mbere hose ntabwo nig... ze mbyemera. Ibindi byose ndaby... mera ariko ibyo ntabwo nige... mbyemera, nawe ubwe wamuba... ntabwo nigeze mbimwemerera.

Umucamanza : Ko wavuze ko wiyum... shaga ko uwo mugambi wari ugiye... atari na mwiza, ngo kubera ibintu w... wiyemeje, wemera no kubihanirwa n...

M.S. : Navuze ko ibyo bintu niba... nga narabimwemereye bazabimp... nira.

Umucamanza : None se ubwo ikintu w... meraga guhanirwa si uko wari usanze... kibi ? Si uko wari wakemeye ?

M.S. : Oya ! Cyari kibi ariko iy... nza kumwemerera aba yaranjyany... nkajya kwiga izo mbunda.

Umucamanza : Uvuga yuko umugamb...

---

*Bikurikira urup. 9*

Mu kurangiza rero, nadabona ibyiza ari uko mbere yo gutangaza inyandiko iyo ariyo yose mu kinyamakuru ari uko mwabanza kumenya neza ibyabaye mukagera aho ibintu byabereye aho kwishinga gusa ibyanditswe mugapfa gutangaza mu kinyamakuru mutabanje kureba aho ukuri kuri. Rwose nta kuntu Segiteri itegekeshwa igitugu na Ruvubu cyangwa ikiboko yagumya kugira umwanya nk'uwo ifite ubu mu rwego rwa Komini. Mubishatse mwabaza Burugumesitiri wa Komini KKanzenze, uruhare Segiteri Murama ifite mu rwego rwo gutsura amajyambere ya Komini.

Ku byo mwamvuzeho byose, ndasanga nta shingiro bifite ahubwo biraterwa n'abantu bashaka gusebanya aka wa mugani ngo: «ubuze icyo atuka undi aramusebya».

Nabasabaga ko mwavuguruza inyandiko yanyu kurijye mu inomero yanyu itaha.

Mbaye mbashimiye.

KINYOGOTE Appolinaire
Conseiller wa Segiteri MURAMA
Commune KANZENZE
Superefegitura KANAZI
B.P. I N Y A M A T A

Murama, kuwa 12/11/1990

# ... atari inkotanyi...

yawukugejejeho mu kwa wumi, ariko kandi iyo umuntu asomye neza ibyo wivugiye, umugambi waba waratangiye mu kwezi kwa 8. Urabivugaho iki ?

M.S. : Mu kwezi kwa 8 nari mu bitaro ndwaje murumuna wanjye abantu bose barabizi; KARURANGA twabonanye mu kwezi kwa 10 avuye i Bugande. Ntabwo twabonanye mu kwezi kwa munani.

Umucamanza : Ahubwo mwagombaga kugenda mu kwezi kwa 9, niba ukibyibuka, we aza kubura ibyangombwa kubera ko intambara yari yaratangiye ku itariki ya mbere z'ukwezi kwa cumi, niyo mpamvu mutagiye kuko yabuze ibyangombwa.

M.S. : KARURANGA we yatubwiye ko bamwatse passeport mu kwa cumi, nibwo yari akiva i Bugande.

Umucamanza : Ubwo rero umugambi werekeye kukwigisha uvuga ko wawumenye mu kwa cumi ?

M.S. : Yeeee !

Umucamanza : Nko mu yahe matariki ?

M.S. : Nko mu matariki ane kuko intambara yari imaze iminsi ibiri itangiye.

Umucamanza : Hanyuma yari yabemereye amafaranga angahe ?

M.S. : Ibihumbi mirongo irindwi n'amapeti. (Abaje kumva urubanza baraseka)

Umucamanza : Ko yakubwiye umugambi we ntumwemerere; hari umutegetsi muturanye waba waramenyesheje iyo migambi KARURANGA yakugejejeho ?

M.S. : Nari ngiye kubivuga arambwira ngo arabimbwiye ngo ningira umuntu mbibwira ngo ni isasu rimwe.

Umucamanza : Uwo RWIGEMA yakubwiraga ngo mufashe kurwana ni muntu ki?

M.S. : Ngo ni umusirikare wa Uganda.

Umucamanza : Washakaga iki ?

M.S. : Ngo yashakaga gufata igihugu.

Umucamanza : Ikihe gihugu ?

M.S. : Cy'u Rwanda.

Umucamanza : None se nyine ko wumvise ko hari umuntu ushaka gufata igihugu cy'u Rwanda, KARURANGA yakugezaho umugambi wo gufata igihugu cy'u Rwanda kandi nawe ugituyemo ntumwemerere nk'uko ubivuga, uretse ko mwibazwa wabyemeye hanyuma ntugire n'umuntu ubimenyesha ?

M.S. : Yari amaze kuntera ubwoba ngo azahita andasa.

Umucamanza : Wagize ubwoba ?

M.S. : Yeeeee.

Umucamanza : Washatse kwemeza ko ibibazo wagiriye imbere y'umushinjacyaha utigeze wemera yuko ibyo bintu wabikoze, kandi iryo bazwa dufite washyizeho umukono wawe, barakubajije bati : Wowe se ubona ko utari umugambanyi ko wumvise abantu bategura gutera igihugu cyawe, ntubavuge ahubwo ukemera ko bazaguha amafaranga ukarwana nawe ? Warashubije ngo : «Ndabyemera rwose». Barongera barakubaza bati: «Ubihaniwe waba urenganye»? Urasubiza ngo : Oya ! Bakubajije ko hari ikindi wongeraho, warashubije ngo nta kindi wongeraho, kandi ibazwa warishyizeho umukono, ubwo se ibyo uvuze nonaha uvuga ko ibyo bintu utabyemeye kandi twe dufite inyandiko y'abo wabyemereye ukuri kuraba ukuhe ?

M.S. : Hariho igihe bashobora kuba baranyandikiye ibintu ntavuze.

Umucamanza : Baranagusinyira se ?

M.S. : Narisinyiye ariko bimwe byaterwaga n'inkoni.

Umucamanza : Ko utari wabivuze se ? Si ibigaragaza ko ari ibyo urimo kuzanamo kubera kubeshya gusa ?

M.S. : Ntabwo mbeshya.

## MUNYARUGERERO H.


Umucamanza : Bite se wowe uko wumva iki kirego urakemera ?

M. : Jyewe KARURANGA ubwe yarambwiye, uriya Jean Chrysostome, ngo nze iwe mu kwezi kwa munani koko. KARURANGA ngeze iwe hari umwana we MBARUSHIMANA arambwira ngo agiye kunyigisha umukino akunda gukina witwa karate ngo ni uwo kwirwanaho. Twagiye mu nzu, KARURANGA dutangiye arambwira ngo nimpagarare. Aba arankubise ankubise ndagwa, arandeka. Ati taha. Mu kwezi kwa cumi ejo bundi ku itariki 7 aza ku isanteri ihari y'i Kabare, ubwo yari ahanyuze kuko ntakunze kuba mu rugo ni umuntu ugenda kuko kuva mu kwa cumi ntiyongeye kuboneka. Ahanyuze ati muzi n'ibindi ? Ati Kigali yafashwe, mbyumvise muri Radiyo y'ubufaransa. Ati : hasigaye ibirometero 70. Ati : Ikigo cy'i Gabiro cyo bagifashe ni icyabo, ni icy'inyenzi. Hari abaserire hari abakonseye. KARURANGA bumva ari nk'umusazi. Ubwo aba arampamagaye ati: uzi n'ibindi ? Wowe ndagushaka kukujyana Tanzaniya mfite mukuru wanjye w'umusirikare mukuru uriyo, azakwigisha imbunda ukigerayo, naho mu Rwanda byakomeye. Ndamuhakanira. Ubwo ntibyatinze, Burugumesitiri yahise amufata kubera ibyo bintu yavuze ku mugaragaro. Amushyikiriza Parike, Parike iramurekura. Konseye aremesheje inama ya segiteri, azayo n'abaserire bahari ati : muzi n'ibindi ? Ati : jye niviriye muri Parike Porokireri arandekuye ndetse na Burugumesitiri na Konseye; umuntu uzongera kuzana ibintu by'amagambo iwanjye amvuga cyangwa agatunguka iwanjye nzamutera icumu. Ubwo ko Porokireri yari amurekuye, Burugumesitiri amure-

# ...Uwicishije urusasu...

kuye ! Mbura ibintu mvuga mbwira ubutegetsi kuko bwari bwamurekuye. Ndaceceka ni uko byagenze. Ibyo yambwiye jye ni ibyo.

RO, MUGENZI, KABERUKA, NZABONIMPA, SOTERA, SEMASHYASHYARI, nawe rero; ariya mazina, uwo nguwo urakubaza kandi ngirango ni Porokireri ntiyagukubise, yayabwiwe n'iki ?



Umucamanza : Ko uvuze se ngo baragukubise, uwo wagukubise harya ni nde ?

M : Uwadukubitaga ni umunyururu bita GIFARANSA niwe Kapita Jenerari niwe watubazaga nijoro (Abaje kumva urubanza baraseka).

Umucamanza : Uriya se Porokireri yaragukubise ?

M. : Kwa Porokireri nakubiswe n'umugabo umwe ambwira ngo ninsinye, nabyanze.

Umucamanza : Hanyuma se uwo mugabo yari azi ko bariya wagiye uvuga yuko mwari mufatanije ?

M. : Nta muntu navuze rwose. Ntawe !

Umucamanza : Ndakubaza niba ari wowe wabivugiye, niba se ari wowe wabavuze, yenda ukubiswe da !

M' : Jyewe nta bantu navuze.

Umucamanza : No se ko dusanga ku gisubizo cyawe kimwe yaranditse ngo : ni bariya dufunganwe. MUREGANSHU-

M. : Porokireri ntabwo nigeze mbimubwira keretse niba ari uko twari twanditse ku gipapuro kimwe.

Umucamanza : Ku kibazo cya kabiri; barakubajije bati : sobanura neza ukuntu KARURANGA uriya yari kuzaguha amafaranga n'ukuntu yari kukwigisha imbunda, mbese tubwire umugambi yari afite. Warashubije ngo : «Jye ubwanjye KARURANGA yambwiye ngo, nze anyigishe karate, ngo azanyigishe imbunda, ngo azatwigishiriza RWAKIGERI hari mu kwezi kwa 8 umwaka ushize, ngo duhite tugenda turwane n'abasirikare b'u Rwanda. Ese si ko wabivuze ?

M. : Ibyo kuvuga ngo azanyigishiriza RWAKIGERI nabyemejwe n'inkoni rwose, avuga ngo n'abandi babyemeye nawe byemere.

Umucamanza : Barakubajije ngo murwane n'abasirikare b'u Rwanda mupfa iki ? Warashubije uti : «yaratubwiye ngo tukaba nk'inyeshyamba»!
We yaratubwiraga ngo agiye kutwigisha imbunda, mbandikeho vive Kigeli, aratubwira ngo, hagiye gutera igitero ngo tukaba abasirikari be, ngo akajya atugaburira aho tugiye, akaduha n'amafaranga, ngo tukazaba abasirikare bakun b'amanyenyeri. Muri make ndum gambo yatubwiye ari ayo. Iyo n go wivugiye. Hepfo yaho urav bakubajije bati «kuki se wamaze ibintu nk'ibyo umuntu ari gush ntu bazarwanya igihugu, ntubw tegetsi»? Waravuze uti : «Ntabwo vuze koko, ubwo nari nemeye inyeshyamba» Urumva ibyo w mbere hose ubungubu wiha guh Barongeye barakubaza bati : «U amafaranga wari kubona uko yar angana kose, yararutaga igihugu byaye n'ababyeyi bawe, n'abavan mwari mugiye kwicisha»? Warasub «Icyo ni icyaha cy'ubugome kiramfata. Ndi inkozi y'ibibi Ngaho rero tubwire ukuntu wash guhakana ibyo wiyemereye?

M. : Ibyo ni ibintu nemez n'inkoni z'uwo mugabo GIFA NSA, niwe wakoreshaga iba ibyo ni ibintu yandikaga n'ika akajyana kwa Porokireri, aka ndukura n'imashini twe tukag dusinya.

Umucamanza : Akabijyana kwa Po reri ?

M. : Yeeee !

Umucamanza : Kandi Porokireri wasinye nawe ugasinya ?

M. : Nabajijwe na GIFARAN Kapita Jenerari.

Umucamanza : Uravuga yuko Porok w'i Kibungo yagukubise, akakwe n'ibyo utavuze. Hari Porokireri Jen uri hano ngirango uri kumureba wa bonye, yarakubajije muri iyi minsi yaragukubise ?

M. : Oya. Ntabwo yankub

Umucamanza : Ibyo wamwemereye ho biraba byo ?

M. : Ibyo namwemereye ni b rwose.

Umucamanza : Reka mbigusomere ho : (umucamanza arasoma ageza n' ...... akanyigisha imbunda, sinamwem

# ... azicishwa urundi...

ye kuko nasanze ari amateshwa. Nyuma yaho yahise agenda yagarutse mu kwezi kwa cumi. Ntiyongeye kubimbwira. Urebe ko ku itariki ya 7 z'ukwezi kwa cumi, hari ku cyumweru kuri santere hameze ak'isoko. Yaduteraga ubwoba avuga ko Kigali isigaje km 70 igafatwa; ubu rero bakubajije bati : «Ko yakubwiye ibyo bintu byo kugambanira igihugu, ntubyemere, waba warabibwiye uwuhe mutegetsi ?»

M. : Nari guhera he koko ? Porokireri aramunaniwe, Burugumesitiri aramutinye, ni jye wari kumutinyuka ?

Umucamanza : Ariko wivugiye ko impamvu utabivuze ari ubujiji.
Uretse ko ugikomeza kuvuga ko ibyo bintu utabyemereye mu mvugo yawe ndabona wabitwemereye. Uravuga uti: ibyo bintu rwose ntabwo ari Porokireri wabimbajije. Harya ngo Gifaransa ?

M. : Yambajije ankubita nkajya mwemerera icyo ashatse, kugira ngo ningera imbere y'ubucamanza nzasobanure ibyo nzi n'ibyo ntazi.

Umucamanza : Ubwo se jye nkubwiye ahubwo ko inkoni zatuma uvuga ukuri aribyo, wambeshyuza ute ?

M. : Ntabwo inkoni zatuma uvuga ukuri rwòse; baragukubita ugata umutwe.

Umucamanza : Bakubwiraga se n'amagambo uvuga ?

M. : Barambwiraga ngo kanaka yemeye ibi.

Umucamanza : Hari umusozi witwa RWAKIGERI ?

M. : Ni ku nyanja ya Tanzaniya n'u Rwanda.

Umucamanza : Ko yatubwiye ko uriya wabinjizaga mu mutwe, yababwiye ko muzajya kurwana RWAKIGERI, uwo musozi mu ibazwa ryawe urimo. None se uwagukubitaga niwe wakubwiye ngo vuga uwo musozi ?

M. : *Jyewe KARURANGA yambwiye ko ngomba kugenda,* ngasanga umusirikare mwene wabo ufite amapeti muri TANZANIYA, ngo za RWAKIGERI, tukaba abasirikare gutyo. Ndamuhakanira.

Umucamanza : Mwari babiri, none wowe ubuze uguhakanira. Kubera yuko umaze kumenya ko afite ubwo bugambanyi, washoboraga kubibwira ubutegetsi, ukabibwira Konseye, ukabibwira Burugumesitiri, abo bakaguhakanira, nta muntu wigeze ubwira ubwo bugambanyi. Ni ukuvuga ko wowe na KARURANGA rero mufitanye iryo banga ukaba ubuze uguhakanira.

M. : Jye yambwiye ko azantera icumu.

Umucamanza : Burugumesitiri yagize ubwoba bwe, wowe tubwire uwaguhakanira.

M. : Uwakora iperereza yasanga ari byo.

Umucamanza : Noneho ugiye kutwumvisha ko bafashe bakeya wenda ko bagombaga gufata abandi basigaye ?

M. : Nta bandi nzi.

Umucamanza : Ibyo ari byo byose ntabwo ushoboye kudusubiza bitewe nuko uwo mwavuganye mwabivuganye mu ibanga muri babiri; wemeye ko mwabivuganye, none ubuze uguhakanira keretse we aguhakaniye rero. Ari buguhakanire nitumubaza ?

M. : Navugisha ukuri aravuga ibyo twavuganye.

Umucamanza : Nataguhakanira biragenda gute ? Biraguhama rero !

M. : Nababwiye ko mwakora anketi, mwasanga ari ko bimeze.

Umucamanza : Nkurikije ibisobanuro watanze ndasanga harimo byinshi bidasobanutse. Ahubwo jye nasanga KARURANGA nta kintu yaba yarakubwiye. Mpereye ku magambo watubwiye wavuze *ngo umunsi umwe uwo mugabo yaguhamagaye iwe, akubwira ko ashaka kukwigisha* karate, akujyana mu nzu agukubise ngo witura hasi, ngo hanyuma uhita witahira. Hari ibyo ntumva rero, yakwigishaga karate kubera iki ? Ku zihe mpamvu ? Ikindi utasobanuye, ubwo watashye iyo karate uyimenye ? Cyangwa yakubwiye ko uzagaruka ugakora imyitozo ? Icyo ni ikibazo kidasobanutse. Ikindi ukavuga ngo undi munsi yaraje arakubwira ngo azakujyana muri TANZANIYA agushyikirize mwene wabo ngo azakwigishe imbunda kuko mu Rwanda byakomeye. Umuntu yakwibaza impamvu KARURANGA yaje kugutoranya kuri uwo musozi akakugirira impuhwe zo gushaka kuguhungisha u Rwanda. Ibyo nabyo ntabwo wabisobanuye. Ngasanga rero uko gushaka kurimanganya ari uguhunga imvugo wavugiye imbere y'umushinjacyaha wakubazaga. Ikindi kitumvikana ni ukuntu uvuga ko ibyo wavuze ngo wabibazwaga na GIFARANSA utazwi umwirondoro, inyandiko yaba yarakoze itagaragara muri iyi dosiye dufite; ibyo utubwira urumva twabyemera dute tukabisimbuza iby'ubushinjacyaha n'abagenzacyaha? Ntabwo warushaho kudusobanurira neza imibanire yawe na KARURANGA, ukadusobanurira ku buryo bwumvikana uwo mugambi yari afite ?

M. : Jyewe imibanire yanjye na KARURANGA, ntabwo twari dusanzwe tuganira. Ni umuntu ukize, umuntu wo hejuru wigendera mu modoka ye. KARURANGA ubwe nko mu kwezi kwa 8 yarampamagaye, nari ndi ku muhanda ndagenda, ngeze iwe turaganira ampa imineke ati : Ye sha ; ati : ubungubu, hari agakino nkunda gukina reka tugakine. Nti mukino ki ? Ati ni karate.

Umucamanza : Ariko se ubwo urumva, utubwira inkuru wakoresha umunsi wose. Dusubize ibyo bakubajije byonyine.

M. : GIFARANSA uwo nguwo w'umukapita Jenerari niwe wadukoreshaga ibazwa nijoro, akandika n'ikaramu, ukabisinyira, bikajyanwa kwà Porokireri, ukazajyayo gusinya. Porokireri yagusomeraga *ibyo wavugiye mu gipangu. Ndangije ndahakana. Porokireri ntiya-*

# ... Aho zashakaga ...

nkubise, nakubiswe n'umugabo bari bicaranye, ntazi akazi akora, ariko ni umukozi ibyo ari byo byose, nubwo ntazi icyo ashinzwe. Maze gukubitwa ndabisinyira. None kuba ngeze imbere y'Ubucamanza, ngomba kwisobanura nkavuga ibyo nzi, by'ukuri koko, ntabeshya.

Umucamanza : Ntabwo ikibazo nakubajije ariko wagishubije. Ntiwadusobanuriye niba iyo myitozo yawe na KARURANGA yararangiriye aho ngaho, utubwire n'impamvu kuri uwo musozi yagutoranije. Ni impuhwe ki yakugiriye zo gushaka kukuvana mu baturage b'ako karere ngo aguhungishe u Rwanda rwari rugiye gufatwa nkuko uvuga ko yabivuze ? Ikindi cya gatatu, niba usobanukirwa neza, izo mvugo zawe uvuga wagiranye na GIFARANSA zitagira aho zigaragara hano muri iyi dosiye, zasimbura gute inyandikomvugo zakozwe n'umushinjacyaha, ubifitiye ububasha ?

Kandi ikindi kidasobanutse, uvuga ko wagize ubwoba bwo kuzavuga ibyo KARURANGA yaba yarakubwiye; ko utubwira ko yabivugiraga ku musozi, abibwira abantu bose atari wowe wenyine ku giti cyawe yihanangirizaga ngo ntuzamuvemo, ubwo bwoba uravuga ko bwari bushingiye kuki ? Ko atari wowe ubwawe yari yashatse gutoteza ? Watubwira nk'uwari waremesheje iyo nama KARURANGA yabivugiyemo ?

M. : Inama yari yaremeshejwe na Konseye wa Segiteri, SINDAMBIWE Alphonse. Niho KARURANGA yabivugiye.

Umucamanza : Ni ko, hari ibintu wakomeje kuvuga ngo ni uwitwa GIFARANSA wabikubwiye ngo ubyandike, niba ari ko byagenze koko, KARURANGA ntimwavuganye ibyerekeye imbunda ?

M. : KARURANGA twarabivuganye.

Umucamanza : None se nyine niba bigaragara ko mwabivuganye kandi ko ari byo biboneka mu ibazwa ryawe ? Ntibirimo ? KARURANGA ntabwo mwabivuganye utarakubitwa ?

M. : Iby'imbunda nabibasobanuriye ntarakubitwa.

Umucamanza : Ibyo kugira ngo azakwigishe imbunda muzarwane n'abasirikare b'u Rwanda na byo wabivuganye na KARURANGA, bataragufata ?

M. : KARURANGA twarabivuganye.

Umucamanza : Ibyo ngibyo ni byo bigaragara muri ririya bazwa.

M. : KARURANGA yambwiye ko agiye kunjyana TANZANIYA, akanshira umusirikare mwene wabo akanyigisha imbunda.

Umucamanza : None se icyo bag[...] ye utavuganye na KARURANGA [...] he ?

M. : Nka hariya banditse ngo y[...] mbwiye ngo twari kurwana n'a[...] rikare b'u Rwanda. Ntabwo y[...] nsobanuriye ko twari kurwana [...] basirikare b'u Rwanda. Urets[e] yambwiye ko azanjyana Tanza[niya] mu basirikare ba TANZANIYA.

Umucamanza : Turakumvise ba w[...]

## MUGENZI Manassé

MM : Nitwa MUGENZI Manassé, nkiri umwana narerewe iwacu, ntangira ishuri i MUKO, muri Segiteri BISENGA, komine KABARONDO, perefegitura ya KIBUNGO. Ndagije njya mu rugo njya gufasha ababyeyi guhinga.

Umucamanza : Warangirije mu wuhe mwaka ?

MM : Narangirije mu mwaka wa 8. Na nubu ndi umuhinzi.

Umucamanza : Urubatse ?

MM : Ndi umusore.

Umucamanza : Iby'iki kirego se, ubivugaho iki ?

MM : Jyewe KARURANGA yaraje ansanga mu rugo arambwira ngo nzaze anyigishe imbunda. Byari nko mu kwezi kwa 8, ndamuhakanira. Bukeye arongera aragaruka arabimwira, na bwo ndamuhakanira. Ndamubaza nti : ese imbunda urayifite ? Aravuga ngo ntayo afite. Ndamubaza nti : ese uzazivana he ? Ngo hari mwene wabo wo muri Tanzaniya uzazimuzanira. Nti ese azazizana he ? Ngo azazina Rwakigeri, abe ariho tuzigira.

Umucamanza : Yakubwiraga wenyine cyangwa se wari uri kumwe n'abandi ?

MM : Ngo tukaba abasirikari.

Umucamanza : Sinumva se uvuga ko y[...] kubigisha imbunda, akabasangisha [...] tanyi mugafatanya ? Aho kuki ut[...] gereraho ngo ubidusobanurire ? N[...] ngo utubwire n'impamvu uwo mug[...] wari wawinjiyemo ?

MM : Yari kumara kutwigisha im[bu]nda ngo tukajya muri Uganda g[ufa]tanya n'inkotanyi gutera igh[...]

Umucamanza : Mwari gufatanya n'i[nko]tanyi. Ese ikiza mwari gukora ni [...] kigaragaza ko ikirego uregwa bakigu[...] raho nta cyaha ufite ?

MM : Nta cyiza cyarimo urets[e] numvaga KARURANGA avuga [...] ntu by'ubusazi, adutera ubw[oba] avuga ngo uwabivuga yabona ish[...] no, ngo yahita amurasa.

Umucamanza : Yakubwiraga se ko u[...] tanya na nde kwiga izo mbunda ?

MM : Yambwiraga jyenyine.

Umucamanza : Kandi utubwira ngo [...] mbwiraga ko tuzaziga hanyuma tuk[...] gufatanya n'inkotanyi.» Ubwo ni uk[...] ga ko ari wowe n'abandi. Abo band[i] bande ?

MM : Ni abo twari gusanga RWAK[I]GERI, ngo bene wabo bo muri Ta[n]zaniya.

Umucamanza : Ubwo se abo muri kum[we] ibyo ntabwo bazi ko mwabibwiriwe [...] mwe ?

# ... kudushyira ...

MM : Abo turi kumwe twagiye duhura baradufashe muri Pirizo.

Umucamanza : Muri Pirizo ni ho mwahuriye ? Mbere ntabwo wari usanzwe ubazi, mugenderana ?

MM : Nari mbazi, ariko ntabwo narinzi ko yabibabwiye, uretse ko nabimenye badufashe.

Umucamanza : Hano se ko mbona mu gisubizo cyawe ku kibazo bari bakubajije ngo «ubu se uwaguhanira ko wagambaniye igihugu yaba akurenganije ?» Warashubije uti «ntabwo naba ndenganye». Ko wiyemereye yuko wahanwa, kandi bitari akarengane, ubwo urumva ko utari mu byaha, kandi icyaha cy'ubugambanyi, ko ari na cyo kivugitse muri kiriya kibazo ?

MM : Narindi mu cyaha ariko icyabiteye ni KARURANGA waduteraga ubwoba akavuga ngo uwabivuga yahita amurasa. Tugira ubwoba cyane, kandi KARURANGA aho muri Segiteri yacu yari nk'umusazi. Ntiyabagaga mu rugo. Bose baramutinyaga. Yari umuforoderi. Koko umuntu akagira ati ninabivuga akabimenya azahita anyica neza burundu.

Umucamanza : Hari ikibazo ariko kitumvikana : uravuga ko wabiganiriye na KARURANGA, muri mwembi, akakubwira ko mutazamuvamo. Umva si wowe wabivuze, si KARURANGA wagiye kwivamo. Wadusobanurira ukuntu wafashwe?

MM : Jyewe bamfata, ba KARURANGA bari barabajyanye. Babajyanye ari kuwa kabiri, kuwa gatatu njya ku irondo; Konseye arambwira ngo ninitabe kuri Komine ngo Burugumesitiri aranshaka. Ndagenda, ngeze kuri Komine, Burugumesitiri anjyana aho ba KARURANGA bari bafungiye mu Munyururu. Hari kuwa 4, buracya bibaye kuwa gatanu, ahita atujyana i KIBUNGO. Ni uko jyewe nafashwe.

Umucamanza : Ubwo noneho wadusobanurira ukuntu byaba byaramenyekanye ko wowe na KARURANGA mwari mufite umugambi wo kuzakora umutwe ugamije kuzatera igihugu, byamenyekanye bite ? Ni ikintu cyaturutse hejuru kiraza kiravuga kiti : «uyu muhungu ari muri buriya bugambanyi reka tumujyane ?» Cyane cyane ko nkuko wadusobanuriye, KARURANGA yabikubwiye muri mwembi. Uretse ko mu bisobanuro byawe utanga, uvuga ugira ngo : «yaratubwiraga». Jye bikaba binyumvisha ko atakubwiraga wenyine, yababwiraga muri benshi.

MM : Jyewe mu by'ukuri nagiye kubona mbona baranjyanye, umuntu wandeze simuzi jyewe.

Umucamanza : Ko mbona wari wavuze ngo impamvu utihutiye kubibwira ubutegetsi, ngo ari uko wagira ngo imbunda zibanze zize, ngo iyo ubivuga zitarahagera ngo byari kuba ari wowe bihama, none ukaba utubwira ngo wanze kubivuga utinya ko ngo KARURANGA yazakurasa. Ndumvamo ikintu cyuko koko wanze kubivuga, ariko impamvu zabiteye ziri kunyurana.

MM : Nabonaga ko mbivuze izo mbunda zitaje, KARURANGA yohita yitorokera. KARURANGA ni umuntu w'igisambo, agahita yigendera, bigahita biduhama.

Umucamanza : Wowe ndumva ibyo wari waravuze twabifataho ukuri nta kibazo.

MM : Yee !

## SEMASHYASHYARI

S. : Nitwa SEMASHYASHYARI, ntuye muri Komine KABARONDO, nkaba mvuka hariya muri Segiteri BISENGA. Narezwe na Sogokuru, ndamusazisha, ansigira Nyogokuru, na we ndamusazisha, bansiga mu bintu byabo. Ubwo nkomeza kwicara ndabitunga, n'ubundi nari nicaye, nta handi nagiye. Naje gushaka umugore, mfite abana babiri; sinize.

Umucamanza : Mu ibazwa rya mbere se ko dusanga warabaye umuyoboke wa KARURANGA ku migambi yari afite yuko mwafatanya mu kujya kwiga imbunda RWAKIGERI, hanyuma ngo mukazafatanya n'abazaturuka mu Bugande gutera u Rwanda ?

Ko mwari mwemerewe amafaranga ibihumbi 70, ngo n'amapeti, ujya kubijyamo wari ufite mugambi ki ?

S. : Kuva mva mu rugo ngera kuri Komine nta kibazo bambajije.

Umucamanza : Jye ndavuga ibyo mwavugiye muri Parike ubazwa na Porokireri.

S. : Baradukubitaga tukava amaraso, nanjye mpitamo ko ibyo avuze mbisubiramo.

Umucamanza : Ibyo bavuze ukabisubiramo ?

S. : Nkabisubiramo.

Umucamanza : Hanyuma se ya mafaranga ibihumbi 70, n'amapeti, ubwo wabivugiwe na Porokireri uriya ? Ni we wabivugaga noneho ugasubiramo akandika ?

S. : Baradukubitaga hanyuma tukabisubiramo.

Umucamanza : Ko nsanga se ku kibazo cy'aho mwagombaga guturuka murwana, ukaba uvuga uti twagombaga guturuka TANZANIYA. Byaje kunanirana gute rero ? Warashubije uti «baje kumwaka passeport». Ubwo se ntiwumva neza ko ari ukugambanira igihugu ? Warasubije uti : «ahubwo ni we wa mbere mu kukigambanira». Hepfo rero baje kukubaza bati : «ubu se, uwaguhanira ko uri umugambanyi, wakumva akurenganije ?» warasubije uti «ubucamanza ni bwo buzareba icyo bungenera, nasabaga imbabazi». Ibyo ngibyo urumva barabikwandikiye ari ibisubizo by'undi muntu ? Cyangwa se ari ibisubizo byari bikomotse ku nkoni ?

(Igisubizo yatanze ntaho gihuriye n'ikibazo).

Umucamanza : Yabikubwiye ate, mu buhe buryo ?

(na none igisubizo yatanze ntaho gihuriye n'ikibazo).

# ...niho tuzazishyira

Umucamanza : Turashaka kugira ngo utubwire ibyo wavuganye na KARURANGA mbere yuko we afatwa. Ibyo mwavuganye atarafatwa ni ibihe ?

S. Usibye uwo munsi yaje ku mugoroba akambwira iby'intambara. Yarambwiye ati «intambara izaturuka mu MUTARA, ize ari ibyiciro bibiri». Ati ndetse bishobotse izaturuka muri Parike y'Akagera. Ati no ku RUSUMO ishobora guturukayo. Nti ese ibyo wabyumvise he ? Arambwira ngo ibyo yabyumvise kuri Radiyo UGERIMANI.

Umucamanza : Ntabwo yigeze akubwira ko ashaka kugira ngo azagufate mu bayoboke be, azakwigishe imbunda ?

S. : Sinabyemeye.

Umucamanza : None se ariya mafaranga ibihumbi 70, bari kubiguhera iki ?

S. : Jyewe ? Ibyo ntabwo nabyemeye.

Umucamanza : Mwarabivuganye ariko.

S. : Iyo tubivugana aba yarayampaye.

Umucamanza : Iyo mumara gutsinda buri muntu ntibari kujya bamuha ibihumbi 70 ?

S. : Ntabyo yanyemereye.

Umucamanza : Ariko se, ubucuti mwari mufitanye na KARURANGA kugira ngo aze kuri uwo mugoroba, akaza kugusobanurira uko intambara iteye, aho ibitero bizaturuka, bikomoka kuki ? Ubumwe mufitanye na we ni ubuhe, ku buryo yagutoranya, akaza kugusobanurira iby'intambara ?

S. : Turi abaturanyi, n'abana bakinira hamwe.

Umucamanza : Ibyo yabikubwiye mu kuhe kwezi ?

S. : Yabimbwiye ejobundi mu kwezi kwa 11, mu matariki abanza.

Umucamanza : Wafashwe ryari, iyihe tariki ?

S. : Ntabwo nzi gukurikiranya amatariki.

Umucamanza : Nta nubwo uzi n'amezi ?

S. : Nafashwe mu kwezi kwa cumi. (Abaje kumva urubanza baraseka).

Umucamanza : Ariko rero nubwo utazi amezi ntumenye n'iminsi, nagira ngo nkwibutse yuko wowe ushaka kwiregura wavuze ko KARURANGA yakugejejeho umugambi ukawanga, ko impamvu zatumye utabibwira ubutegetsi byatewe nuko imbunda yagombaga kubigishirizaho zari zitarahagera. Ntabwo wibuka ko waba warabivuze ?

S. : Aho ntacyo nahasubiza ho. Koko ibyo narabivuze bamaze kunkubita. Navuze ko ntagombaga kurega ikintu ntarabona, ubwo se anyihakanye nari kuvuga ngo iki ?

Umucamanza : Hanyuma se kubona nyine wavuze ko muturanye, kandi umaze kumva bagenzi bawe batuye kure yarabagejejeho uwo mugambi wo kubigisha imbunda, urabona impamvu yatumye agukuramo ari iyihe ?

(SEMASHYASHYARI yasubije ko atari umusore, yongeraho ko ari injiji).

Umucamanza : Ubu rero ubujiji bwawe ni bwo bugiye kugukuririraho icyaha gusa ?

S. : Birashoboka, none se ntubyumva wowe ? (Abaje kumva urubanza baraseka cyane).

Umucamanza : Imbabazi wasabye ... zisaba ?

S. : Jye nta mbabazi nasabye. N... bora kuba narazisabye ndi gu... twa yenda.

Umucamanza : Ese ni nde wagu... muri abo bakubazaga ? Ni GIFARA... nawe wagukubise ?

S. : Jyewe uwankubitaga ni Su... titi na Porokireri.

Umucamanza : Urashaka kwemeza ... n'ubungubu uwagukubita – niba ari ... koko – wasubira mu byo wavuze ... gihe ?

S. : (Nta gisubizo atanze gishi... shije).

Umucamanza : Ibyo utwemereye ... ngubu ntaho bitaniye n'ibyo wemer... muri Parike; wasobanuye yuko KA... RANGA uwo nguwo yaje kukub... ibyerekeye iby'intambara, akakub... iby'izo mbunda. Umaze kutubwira ... ibyo koko yabikubwiye, icyo bari ku... kubitira ni iki ?

S. : Batubazaga aho imbunda iri.

Umucamanza : Icyo kibazo ntacyo ba... bajije.

S. : Ibyo twabibazwaga n'umus... kare.

Umucamanza : Ariko se ubundi, mbe... yuko banagukubita, ibyo yakubwi... ubwo byo byonyine iyo ubibwira ub... tegetsi ntibwari kwishakira ibisigaye ! Watubwira impamvu utabivuze ?

S. : Ba maneko bamujyanye mu... ivuwatiri nyuma aragaruka ati Po... rokireri arandekuye. (Ngo nta kind... yari kongeraho).

## 5. KABERUKA E. : IGITSIMBANYI CY'URUMOGI :

Umucamanza : KABERUKA rero, ikirego wumvise ukurikiranwaho, ni uko, nkuko nawe ubwawe wabyiyemereye mbere hose, wabaye umuyoboke wa KARURANGA, ufatanya n'aba bagenzi bawe kumwemera ngo kwiga imbunda no kuzatera igihugu cy'u Rwanda ku mafaranga ibihumbi 70 mwari guhembwa. Ibyo ngibyo ni ibintu wemeye, ukavuga ko ha... n'abandi bagendaga bandika ku mabo... ngo «VIVE KIGERI», ukanemera yuko ahanini ubwawe wari gushingwa kuzaj... ugendana urumogi rwo kunywa ku ... gamba ngo mukunde mukarabuke.

K.E. : KARURANGA yambwiye ko

hari igitero kizatera mu Rwanda, ashaka abo yigisha imbunda, ndamuhakanira, nti jyewe imbunda sinayishobora; ati : ese nubwo utayishobora, ntiwajya udutwaza itabi ? Nti ese iryo tabi ryaba riri mu mufuka ? Ati ni itabi ry'urumogi banywa rigatera imbaraga.

Umucamanza : None se ko utubwiye ko mwabivuganye gutyo gusa, ntutubwire aho kumwemerera kwawe kwageze.

K.E. : Yambwiraga abasirikare ko bazajya bamurwanirira kubera intambara izaba yaturutse muri Tanzaniya, batera u Rwanda.

Umucamanza : KARURANGA se akaba ari iki muri ibyo byose ?

K.E. : Yashakaga gushyigikira bene wabo baba muri Tanzaniya.

Umucamanza : Urabazi ?

K.E. : Ntabwo mbazi !

Umucamanza : Nta zina na rimwe yigeze avuga ?

K.E. : Oya !

Umucamanza : Yagusobanuriraga ariko imigambi bari bagamije kugeraho ?

K.E. : Ni iyo gutera mu Rwanda.

Umucamanza : Ngo intambara yarangira KARURANGA akaba iki ? Mwe mukaba iki ? Na bene wabo bakaba iki ?

K.E. : Bagafata igihugu.

Umucamanza : Ko wavugaga ngo KARURANGA yagombaga gufasha bene wabo, wowe uri iki muri abo bantu ? Kuki bataba bene wanyu wowe ? Kuki wowe wikuramo ?

K.E. : Nuko ntari umunyamahanga.

Umucamanza : KARURANGA se we ni umunyamahanga ?

K.E. : Yarerewe mu mahanga, TANZANIYA, namubonye akuze.

Umucamanza : Urashaka kuvuga ko KARURANGA atari umunyarwanda nkawe se ?

K.E. : Ni umunyarwanda kuko duturanye, ariko ngo yabaye TANZANIYA Cyane.

Umucamaza : Wowe ntacyo mupfana ?

K.E. : Ntacyo dupfana.

Umucamanza : None se ko wamenye ko KARURANGA ashaka gufatanya na bene wabo ngo atere u Rwanda nawe uri we, wowe wakoze iki kugira ngo urwo Rwanda utuyemo na bene wanyu mwirwaneho ?

K.E. : Nta mutegetsi nabimenyesheje.

Umucamanza : Ubwo se urumva atari ubugambanyi ?

K.E. : Aho ni ho nakosheje kuko nta butegetsi nabimenyesheje.

Umucamanza : Ese uretse ibyo by'imbunda, urumogi wagombaga kwikorera hari urwouhinga? Wagombaga kurukura hehe?

K.E. : Yari yambwiye ko azarukura TANZANIYA hamwe n'imbunda.

Umucamanza : Waramwemereye rero.

K.E. : Ntabwo namwemereye, kubera yuko nakekaga ko twagera mu nzira akangirira nabi. Muri 89 yari afite urubanza na mushiki wanjye muri Parike. Nkabona ko ari ukunshukisha ibyo bihumbi 70.

Umucamanza : Ntabwo wamwemereye ko muzajyana ariko na none nta n'umwe wigeze umenyesha ko ari umugambanyi w'igihugu.

K.E. : Icyatumye nta muntu mbimenyesha, icyo gihe yahise ajya Dar-Es-Salaam, mbonye yuko mbibwiye ubutegetsi baza bakamubura, n'ibyo navuze ntitubibone, ari jye babihanira.

Umucamanza : Ariko se wadusobanurira ukuntu yakwemereye ibihumbi 70, ugasobanura ukuntu umurimo wo kwikorera urumogi wonyine ari wo wahemberwa ibihumbi 70 ?

K.E. : Nanjye byarantangaje, ahubwo ko ari ukunshuka kugira ngo azabone uko anyicira mu mayira kubera inzigo y'urubanza rwa mushiki wanjye.

Umucamanza : Hariya ariko urumva ko ikibazo wari ubajijwe utagisubije. Ndasanga mu mvugo yawe hari aho bakubajije, kuko wari umaze gusobanura yuko wowe na bagenzi bawe mwitorezaga kumenya imbunda mukazarwanira Umwami KIGERI... barakubajije bati «ko KIGERI ari umututsi, urabona ubutegetsi bwe wari kubukuramo iki uri umuhutu ?» Warasubije uti, nagize ubuda bugari bw'amafaranga gusa. Na none bakakubaza bati ako gapfunyika k'urumogi, cyangwa se na byinshi ubona ko byari bikwiye biriya bihumbi uko babikwemereye ?

Umucamanza : Uretse abo bagenzi bawe mwafatanywe hamwe nta wundi muntu wagombaga kubafasha ?

K.E. : Uretse uwo yambwiye witwa RUTABANA Viyatori, Jera wa Banki y'iwacu, ni KARURANGA wamumbwiye.

Umucamanza : Uwo nguwo KARURANGA yagombaga gukora iki ?

K.E. : Yagombaga kumufasha.

Umucamanza : Ate ?

K.E. : Kuba umusirikare we.

Umucamanza : Uriya RUTABANA waba umuzi neza ? Watubwira uwo ari we kugira ngo abantu bamumenye ?

K.E. : RUTABANA Viyateri ndamuzi, ni uwo i MUTUMBA muri Segiteri BURENGE, yabaye umujandarume, ubu ni Jera wa Banki Popireri y'i MUTUMBA. Ubu ari ku rugamba mu ngabo z'u Rwanda.

Umucamanza : Ese ubwo KARURANGA yagusobanuriraga ate ko uwo RUTABANA azava ku rugamba akaza kubafasha?

K.E. : Mu kwa munani ubwo yambwiraga ko yadufasha, RUTABANA uwo yari atarajya ku rugamba. Sinzi ko yamwemereye uretse ko yambwiraga ngo yamufasha.

*Biracyaza*

# ICYABIDUTEYE

# Ntimuzirare:

## "Mugenzure umututsi ........ atazanduza abazima".

Nasomye Isibo No 6 aho Musangamfura Sixbert avuga umututsi muri iki gihe cy'inkotanyi nsanga nawe agusha ku Muhanano nka Ntuzirare. Nubwo abisobanura ati : Ntuzirare... amagambo ariya yatugeza he ? Iyo avuga ati : Mugenzure umututsi nuko aba amukekeka amababa.

Nubwo nabonye ataracengeye inyandiko yanjye neza nka ba mwe mu batutsi batuye u Rwanda, umuhanano nagusha bamwe we yamaze kuzimiza asiganya n'abatutsi batuye U Rwanda. Niba yarasomye neza umuhanano «Ntuzirare» yabonye ko abo mbonamo ububi ari inkotanyi, inyenzi, impunzi, ibyitso byabo (harimo n'abakotije); nta mututsi utuje utuye u Rwanda navuze.

### Ntacyo mfa n'abatutsi batuje

Abatutsi biturije batuye u Rwanda njye mbona twibanira neza nubwo we yanyeretse ubucakura bwabo ntari narabonye bicaranye. Niko bigenda nakomeje imbarutso arazimiza atubonera ibyo ntabonye : ibintu n'abantu ni magirirane.

Muvandimwe Musangamfura n'abo mufatanije impungenge, mbasabye kuzacengera iriya mvugo; muzasanga abatutsi batuje batuye u Rwanda ntacyo mfa nabo. Nibasubize imitima mu bitereko bamwe ibyo ubabwira njye ntawe nanga. Ndagushimira kuba warabajije icyo amagambo nkariya azatugezaho kuko ndibaza bigusobanurire nyuma. Icyo ngushimira ni uko utabaye nk'abategetsi bamwe na bamwe bahubuka mu magambo batabajije, bashingiye ku byo bikeka ngo abantu niba gashozantambara, ba gashozamvururu, ugasanga biyasira ngo abantu baguye mu mutego w'umwanzi.

### Ababataramira barawubanigisha

Kuki rubanda ariyo yonyine igwa mu mutego w'umwanzi bo ntibawugwemo, bagombowe na nde ? Abategetsi bawuduhata kubera iki ? Nibisuzume barebe ko ababataramira babahata ubunyurabatware batawubanigisha bakabangisha ababwira ukuri. Dukwiye kureka kuguma kwitana ba mwana kuko tugomba gutsibura umwanzi utwugarije utuvugisha aya yose. Musangamfura wavuze ko umututsi avugwa byinshi kandi henshi. Impamvu nyakuri usa nuwazisobanuye; nkuko ndabivana mu nyandiko yawe kugira ngo nkwereke ko wujuje uriya muhanano Ntuzirare.

Nandika «Ntuzirare» byari bitarakara ari nayo mpamvu nabonaga inyenzi inkotanyi impunzi n'ibyitso aribo babi, warakoze kutwereka ko no mubo duturanye atari shyashya. Impunzi nzishyira mo kubera amagambo zagiye zivuga atesha isura igihugu cyacu. Ababonye amakaseti ku byaberaga mu Rwanda nuko rwavugwaga biboneye ba Rwiyamilira, Nkabuwakabili, Ndahumba, Gertrude shopak (umututsikazi utunzwe n'umubirigi)... n'umubiligi Jean Gol wari wahumwe amaso n'icyo kizungerezi badutukaga batuka ubutegetsi bw'i Kigali, n'ibindi. Iyo bagira ikidutsemba bari kuba baratumaze.

### Murajya he ko abahutu batabashaka?

Ese iyo nk'abahutu baza kuba batuye ukwabo n'abatutsi ukwabo haba hatarakozwe akantu ? Dushimire Imana yatumye twivanga kuko ubugome bwabo maze kuvuga haruguru bwari bukabije. Marie France Cros niwe wivugiye muri Libre Belgique ya 31 octobre et 1er novembre 1989 ati : abatutsi bari mu gihugu niyo garanti yuko impunzi zitatera kuko babatsemba. Iyo baba badahari se za bombaridiye ntiziba zaragakoze ? Tujye dushimira Imana kuba Harroy na Papias barahanganye na ba Jean Gol, naho ubundi ibihe biba byarahaye ibindi. Abigisha intambara n'imvururu se ubu baba babwira nde cyangwa bari he ? Mu mahoro tujye duhoha ibindi dushimire Imana. Kuri ayo makaseti Harroy yabwiye Rwiyamilira ati : Murajya he ko abahutu batabashaka ? Musangamfura rero Umuhanuro Wawe nawushimiye ko wibukije abatuye u Rwanda guturana baziranye ugira uti :

### Abatutsi bari bakize.

1. «Umututsi muri iki gihe agezweho... ububi bwe bwose inkotanyi zatumye babuzikura maze inkovu zari zarasibanganye ziracika».

2. «Ntawahakana ko hari abatutsi benshi bashyigikiye inkotanyi».

3. «Icyangombwa nuko umututsi w'indashima wabanye n'umuhutu ahekenya amenyo, akishyiramo ko umuhutu ari indindagire kandi akiyemeza kumurindagiza akabona agomba gufatanya na bene wabo inkotanyi, uwo kwerekana ububisha bwe ni byiza».

4. «... abatutsi benshi bari bameze neza barakize, barakijije bene wabo kandi banihagararaho ku mugaragaro. Birumvikana ko abari bameze batyo atari abo mu cyaro (kandi nibo benshi) ahubwo ari abize amashuri, abafite imirimo ikomeye n'abacuruzi. Abongabo imyifatire yabo yatumaga abahutu benshi bibaza niba batagiye gusubira mu buja».

5. «Amaradiyo n'ibinyamakuru byandikwa byerekanaga ko inkotanyi zari hafi y'i Kigali, byagiye bigaragara ko hari abatutsi bishimye bakabyina bakirirwa banywa amayoga babaririza aho Rwigema ageze».

6. «Uko amakuru agenda amenyekana twaje kumenya ko ba batutsikazi bandikisha imashini, barera abana mu bahutu bakize, bacuruza byeri mu kabare no mu bitanda, bakora akazi k'ubunyamabanga, bisambanira uko bashaka, aribo bakunze kubonekamo ibyitso...»

7. «Abanyarwanda benshi bibajije niba umututsi azashira inyota y'ubutegetsi agacisha make. Turetse n'abo bakobwa n'abagore bizewe n'abahutu hari n'abagabo bari mu mirimo y'igihugu no mu bucuruzi basanganywe intwaro n'ibipapuro bigaragaza ko ari inyenzi».

8. «...abakemangwa bose bagasakwa byatumye mu batutsi barabirana abataragambanye bibaza ko igihugu kitabizera ndetse bituma n'abahutu babanaga babaha akato».

9. «Ubu abatutsi benshi barakonje. Bakaba bibaza niba izi nzozi mbi zizashira. N'uko ntawe umenya ibyo abantu batekereza mu mitwe yabo ariko ndahamya ko abenshi bahora mu nzozi mbi».

10. «Utwo dutsiko tw'ubwoko bumwe, utwo dukungu tw'urwenya, utwo dukipi two kunywa abatutsi mutadukoze mwaba iki ?»

11. «Abahutu bananiwe n'inda zabo kimwe n'abiririwa birebera mu maso y'ibizungerezi nabo baragaragaye».

12. «Abatutsi nibagerageze gushyikirana n'abahutu kurushaho, mureke kubihishamo, mureke kubaca mu mizi, mureke no gusesera».

13. «Abatutsi mwirinde ikintu cyose cyo kwironda, mubane na bene wanyu bose mutarondana».

14. «Mwirinde gutonesha bene wanyu gusa. Ibi ndabivugira ko bamwe mu batutsi bakomeye usanga bakoresha bene wabo gusa».

15. «Ku karimi abatutsi mugabanye akunyu».

## Tugomba guturana tudategana

Nguku uko Musangamfura adusaba abatuye u Rwanda kutirara muri ibi bihe turimo atwereka umututsi. Arangiza inyandiko ye abwira abahutu n'abatutsi uko bakwifata ati : «Mugenzure umututsi... atazanduza abazima. Iyi nyandiko nkuko nabivuze ngitangira nagira ngo ngushimire kuko washoboye kuzimiza, ugashishura, ukabwira abatutsi batuye u Rwanda baba badatuje baba bagitsikimba... ko kugira ngo dusabane dusangire dusabirane bagomba kuva ku izima.

Ndabona nawe ugira uti : Ntimuzirare, nubwo wibaza uti : «Guhimba umuvugo Ntuzirare... amagambo nkariya yatugeza he ?» Amagambo nkariya yatugeza kuguteganya ko impunzi nizitahuka tugomba guturana tudategana. Amagambo nkariya aduhamagarira kwitondera abo tuzaturana cyane abatutsi kuko bafite indi migambi nkuko ubivuga. Yadufasha kutazirara ngo twibwire ko ushaka ubutegetsi asinzira.

## Ntiwacengeye uriya muhanano

Niyo wamuha ibya mirenge ku ntenyo ntabwo abwibagirwa nkuko bamwe bibeshya. Musangamfura kuba waribajije ntabwo byantuguye byanyeretse gusa ko utacengeye uriya muhanano ukaba nk'abatutsi bamwe batuye hano mu Rwanda baketse ko naba mbanga nkaho tugabana isambu. Abo navuze ni inyenzi, ni ziriya nkotanyi zikotanira kutumara, ni biriya byitso bitsikimba ubudatuza, ni ziriya mpunzi ziduhungabanya mu buhubutsi, n'abakotije kugira ngo duterwe.

Niba warabitse hafi uzongere uzasanga umututsi utuje utuye u R[...] ntaho namuvuze. Igikwiye kuber[...] mwe bavanga kubera ibyo bikek[...] twamenya ko amoko ariho mu R[...] ko azahoraho, ko igikwiye atari [...] ndikirana ikibazo ahubwo tugom[...] shaka umuti wacyo, umuntu [...] kwemera no gushyigikira ubwok[...] bitamubujije guturana n'abandi. N[...] ni umuhanano; ntakindi ugamije [...] kuburira bamwe.

## Batemye umututsi nakunguka iki ?

Gusa igitera impungenge ni uko abategetsi bacu ubona babogamira ku ruhande rumwe ukagira ngo nirwo rugira abagome, urundi rwera. Ufite umusegura avuna ijosi. Umwana w'umuminisitiri aratoroka ukabona ari ibisanzwe ntihagire n'uwibaza. Uwo muminisitiri koko arasinzira agatuza ? Ibibazo birakomeye ababishinzwe bajye b[...] kuko twe turi bagashozantamba[...] mvururu. Se ubu nashoza intamba[...] imarire iki ? Nashoza imvururu [...] ngeze kuki ntarageraho ? Urabo[...] temye umututsi nakunguka iki ?

Bishe inkotanyi nagira amahoro; ab[...] sirikari bakaruhuka.

## Tuzamukugenzurira atazanduza abazi[...]

Abibeshya ngo abandika baba bafite amashyari baribeshya, kuko atari byo nagato. Ibibazo bigomba kuvugwa, imiti igashakirwa mu kuri, naho kwitwaza amashyari ntaho bishingiye. Ubu rero abantu bazajya bakora ibyo wamaganye haruguru bavuge bati : Musangamfura yashoje urugamba. Ntimuzamvangire.

Inkotanyi ikomoka ku mututsi ndabizi ariko ntibivuga ko umututsi utuje wituriye u Rwanda ari inkotanyi. Abatutsi batuje bituriye u Rwanda ndabubaha, ndabakunda, nibafatanye n'abandi kubaka u Rwanda. Kuba warabavuze uko bari muri ziriya ngingo zawe nasubiyemo haruguru bizadufasha mu mibanire yacu nabo. Bizatuma tutirara b[...] dusangira, dusabana, dusabirana; [...] tunabyinane tuziranye.

Ndangije ngushimira kuba wa[...] uriya muhanano «Ntuzirare» uk[...] abatutsi bari mu gihugu njye nta[...] vuze, n'ubundi ngo umugabo umwe[...] rwa kuri nyina. Nizere ko bataza[...] nabi kuko ubagira inama. Um[...] utuje utuye u Rwanda ndamwubah[...] ko tugomba guturana nubwo gutu[...] nta gahato kabizamo. Tuzamuku[...] rira umututsi uzanga kuva ku izima [...] zanduza abazima, ariko kutirara kw[...] Amategeko yawe nayo nabonye [...] dufashamo.

H.B. Habyalimana
B.P. 560 Kigali

# Depite RUCAGU arisobanura :

inyandiko y'IJAMBO[...]
Yamuteranije n'abavandimwe bari bariyun[...]

Ibyo HABINEZA yanditse ku mwirondoro wanjye ndabyemera. Gusa hari ahagomba gukosorwa. Hariya handitswe ko noherejwe kuba Superefe i GITARAMA ngo mfite ubutumwa bwo gusobanurira abanyagitarama amatwara ya Repupubulika ya Kabiri. Narayabarushaga se? Abanyagitarama ni abantu b'abagabo, kandi bacengewemo amatwara yo mu nzego z'amajyambere kuva kera. Uwanditse iyo mvugo ni umunyagitarama, azi neza ko abanyagitarama bak[...] kuva kera.

## Arangonganisha[...]

Ikindi kandi nagiye i GITA[...]MA ndi Superefe. Perefegitura yari [...] Perefe wayo. Superefe rero akora [...] Perefe amweretse, kuko Perefe aba[...]we muhuza w'inzego z'ubutegetsi [...] hejuru na rubanda. Ko ntari Pe[...]

Komeza urup.[...]

# Abaturage b'i Kinyami bati :

Abaturage ba Kinyami (Byumba) bamaze igihe bashyamiranye na Burugumesitiri wabo MUSEMAKWERI Yusitini. Nkabibutsa ko MUSEMAKWERI bisobanura "MUVUGUKURI" mu rurimi rw'igiswayiri. Abaturage ayobora rero ngo barambiwe no kuyoborwa n'umuntu ufite izina ritari ryo muntu. Byanteye amatsiko rero nyarukirayo kw'itariki ya 28/11/90 ngirango mbeshyuze ibyo bamubeshyeraga.

## Mupfa iki n'abaturage ?

– "Mbere yuko nkuganirira ariko, ubanze uzimye ako kuma ntabwo nshaka kukavugiraho". – "Erega ndagira ngo mbone uko nza kubitunganya ngeze mu rugo kugira ngo ntaza kugira icyo nguhimbira cyangwa nibagirwa"! – "Oya yewe ijwi ryanjye ntaryo nguha, naba nzi urijyana he!" Akuma narakajimije ariko ndavuga nti : «URU RUSYO UMENYA NTARI BURUSYEHO»! Ubundi iyo uzi ko uri MUSEMAKWERI ntugomba gutinya kuvugira kuri Mikoro cyangwa ku kuma gafata amajwi, upfa kuba uvuga ukuri utasubiramo. Naho kuvuga ngo ntabwo uzi aho ijwi bazarijyana ubanza ari ukutamenyera umugi kandi yarawubayemo. Na ba Perezida bemerera umunyamakuru ko abatwara ijwi !

Yarakunze turaganira ahera ku kibazo cy'uko Parike y'i Byumba batavuga rumwe. Mubaza intandaro y'uko kutavuga rumwe, ambwira ko ituruka kuri Porokireri NSENGIYUMVA Aporinari yongeraho na I.P.J. Diyojeni bakunze kwita Rutobo, ati : bariya bantu barananiye kuko mbashyira abantu bo gufunga ntibabafunge cyangwa bakabamazamo igihe gito bakabarekura. Ngo nta kindi bapfa uretse kiriya. Impamvu ngo babarekura cyangwa bakabafunga igihe gito ngo baba bariye ruswa.

## Banyita inkotanyi

Burugumesitiri yakomeje ambwira ko ngo Porokireri impamvu adafunga abo burugumesitiri amwohereje, ngo ni uko abaturage bose bamuyobotse, noneho ati : "Akamfatanya n'uwo nasimbuye ariwe KARANGWA Karawudiyani, nuko bakateza abaturage bakanyanga". Akomeza ambwira ati: "Abaturage badatinya kunyita inkotanyi !" Ugasanga Burugumesitiri atagira amahoro ngo kuko Porokireri yunura n'uwo MUSEMAKWERI yasimbuye ku bu Burugumesitiri. Yakomeje ambwira ngo: uwo KARANGWA yasimbuye yakonze abaturage bose ba Kinyami, abatoza kwanga umutware wabo mushya. Icyakora icyo atambeshye nanjye niboneye, ni uko abaturage ba Kinyami bakunda kandi bakubaha uwahoze ari Burugumesitiri kurusha uriho ubu. Umutware mushya waba umaze imyaka itatu ayobora Kinyami arahita bakamuvuma, nyamara hahita uwahoze ari




umutware bakamusuhuzanya ibyubahiro, kandi ubusanzwe iyo umuntu yanyagwaga yakundaga kugira ibibazo byo kunyura mubo yategekaga. Dore ko we abanyuramo buri munsi ajya ku kazi ku Bitaro by'i Byumba, haba mu museso cyangwa mu mugoroba, kuko niho akora umurimo w'ubuvuzi.

## Ishyamba rya Porokireri

Nagarutse ku kibazo cya ruswa Burugumesitiri avuga ko Porokireri yazimaze, mubaza icyaba kigaragaza ruswa, nko mu byerekeye umutungo n'ibindi, nkuko yagiye abyandikira inzego nkuru z'ubutegetsi, nanjye yampaye urugero rw'ishyamba riri i Kinyami rya Porokireri. Iryo gusa ? Ati nawe wajya kwirebera ringana umusozi. Nagiyeyo nsaga rirahari ariko ntabwo rirasarurwa na rimwe.

## O.P.J. afunga I.P.J.


Ubusanzwe inzego zikora bimwe zigomba kumvikana, kuko iyo bitaba ibyo, abaturage nibo bahagwa kuko abategetsi barabasiganira bagahera mu gihirahiro. Uretse n'abantu bakubitirwa kuri iyo Komini inkoni zikabajyana mu bitaro, Burugumesitiri aherutse kwihererana Umugenzacyaha (I.P.J.) amunaga mu gasho urugi arumamaho. Intandaro yabyo, ngo Porokireri w'i Byumba ubu uri i Butare yafashe ipikipiki igenda mu muhanda itujuje ibyangombwa, ayibitsa kuri Sitasiyo iri mu Rukomo. Noneho aza kohereza Umugenzacyaha Jules ati : fata urufunguzo rwa moto, ugende uzamukane ipikipiki ifungiye kuri sitasiyo ya Lisansi iri mu Rukomo. Aragenda yisobanura kuri Sitasiyo ko ari I.P.J. kuri Pariki y'i Byumba aje gutwara ipikipiki Porokireri amutumye. Bati : Ntabwo watwara ipikipiki Burugumesitiri atabizi. Aho Mutware aziye bati : uyu ni I.P.J. wo kuri Parike aje gutwara iyi Pikipiki yayitumwe na Porokireri. Aho kugira ngo ayimuhe, ahubwo abwira abasore b'intarumikwa ngo niburize uwo mugenzacyaha imodoka ajye kumufunga. Yaragiye amunaga mu gasho yirirwamo.

## Porokireri afunguza I.P.J. we

N'ubwo ataba Porokireri, ntabwo umukozi wawe yafungwa ngo uruce urumire, uretse ko hari n'abandi bagabo barimo Perezida w'Urukiko MBANZAMIRERA Inosenti na Subusititi KARASIRA bari banyarukiye i Kinyami kwi-

# Burugumesitiri ni inkotanyi

nginga Burgumesitiri ngo arekure Umugenzacyaha, ni uko abatera utwatsi. Porokireri wari mu ruzinduko aho agereye iwe bamukoza inkuru ya I.P.J. ufungiye i Kinyami kandi igicuku cyaranihaga. Yahise ajya kuri Komini abwira umuporisi ati : fungura gasho ntware I.P.J. ufungiyemo; umutware naza mu gitondo uzamubwire ko ari jye wamujyanye kandi ko niyongera kumukenera nzamumwohereza. Umuporisi




aramumuha, I.P.J. afungurwa atyo. Burugumesitiri aho aziye bucyeye babimukojeje ibintu biba ibindi, bikaba bigaragarira mu nzandiko zagiye zoherere-zwa i Kambere k'Ubutabera cyane hari aho agira ati : «Kubona Porokireri aza agafungura umunyururu nifungiye ntaramukorera dosiye» ! Ubwo uwo munyururu ni I.P.J. yavugaga.

## Ni abarimu b'i Kinyami batwitse ishyamba

Uretse amabarwa menshi umugenzuzi w'akarere k'amashuri ka Kinyami yagiye yandikwaho amusebya yanditswe na Burugumesitiri, sibwo bwa mbere abarimu b'i Kinyami barumuboneraho kuko muribuka icyumweru cyo gutaha no gutangiza imishinga cyo muri 1990, ku itariki ya 19/07 Burgumesitiri yabajijwe iby'imishinga karamuhagararana. Abanyamakuru bamubajije impamvu imisozi n'amashyamba by'i Kinyami byakongotse, asubiza ko ari abarimu b'i Kinyami babitwitse byose.. Ayo magambo yayivugiye kuri Radiyo. Kiriya gisebo, dore ko jye ntakita icyaha kuko kitabayeho, ubwo Burugumesitiri ari O.P.J. muri Komini, yagombaga kubakorera dosiye ako kanya bagafungwa. Ariko kubera ko nta bimenyetso ntabyo yakoze.

## Farumasi irasenywa

Abaturage 80 bishyize hamwe bashyiraho FARUMASI kuri Komini, nyuma Burugumesitiri araza arayisenya, abantu bakavuga ko nta kindi yayihoye uretse ko ngo yabonaga ibangamiye iye iri mu Rukomo. Abaturage bararize barihanagura.

Iyo Farumasi ye iri mu Rukomo ntabwo yazereje nayo kuko yaje gukekwa amababa ko icuruza ibitameze neza, ndetse muri Minisiteri y'ubuzima haturuka ibarwa No 17/3129/SA 1.3.2/89 isaba Umuyobozi w'Akarere k'Ubuzima gusuzuma hafi iby'iyo Farumasi nasanga itujuje ibyangombwa ayifunge.

Mu ibarwa No 17/RS 09/316/89 yo kuwa 14/09/1989 niyo yasubije iya Minisitiri yari yamwohereje kuya 28/08/1989, muri icyo gisubizo hakaba harimo ubutumwa bwo kujya gufunga FARUMASI ya Burugumesitiri yo mu Rukomo, ni uko abaturage babura intama n'ibyuma. Ka Koperative kabo karabuze na mukeba wako wo mu Rukomo irafunzwe.

## Ni nde wamuhaye akazi ?

Muri uko gukora ibyo byose, B[urugumesitiri aba yishingikirije Minis[itiri] MUGEMANA ushinzwe ubutegetsi [n']majyambere ya Komini ngo ni mub[y]we. Icyakora uwabihakana si uwa[...] kuko bigaragarira mu migirire, nde[tse] n'urwangano rurangwa hagati ya [KA]RANGWA wahoze ari Burugumesi[tiri] n'uriho ubu. Urwo rwango rero ur[...] ko Minisitiri MUGEMANA nta ki[...] aruziho, waba ubeshye kuko igih[e] munyamabanga Mukuru wa Muv[...] asura Komini Kivuye, Minisitiri MUG[E]MANA yavuze ko KARANGWA ar[...] wica Komini Kinyami, ko ngo ago[...] kuvanwa i Byumba akajya gukora [...] ndi kure. Ayo magambo yanabw[...] n'abandi barimo n'umuganga ukora [...] bitaro i Byumba, ngo «UWO MUN[...] NI NDE WAMUHAYE AKAZI» KARANGWA rero iyo usesenguye [...] usanga azira ko afite amajwi men[...] y'abaturage, noneho Umutware yah[...] ntibagire icyo bamwumvaho kandi [...] mu gihe ntabwo wakwibasira umu[...]nga, ngo ugirane amasinde n'abar[...] noneho unagerekeho kugira ubuteg[...] burimo inkoni, ngo nurangiza u[...] ngo uzabona amajwi mu baturage.

## Afite imanza akangari

Hari amasiteri KARANGWA ya[...] yatemye mu ishyamba yari yarate[...] atari yanyagwa, umutware mushya [...]raje ararimwambura ngo ni irya Komi[ni]. Umuturage yiyambaza Urukiko ku i[ta]riki ya 14/02/1988 na n'ubu idosiye [...]rasinziriye kuko Burugumesitiri a[...]magawe inshuro 8 zose atitaba. Abatu[ra]rage bagatangazwa n'ukuntu akome[...] kwikoma uwo yasimbuye kugeza n'a[...] amufungira ipikipiki ye ayimaranye i[mi]nsi 7, akaza kuyiheshwa na Parike b[a]shize iminsi 45; rubanda ikavuga [...] byari ukugira ngo amunanize ku k[...] bazamwirukane. Hari murumuna [...] KARANGWA witwa BAHOZE P. [...] yirukanwe aho yari atuye yahawe [...] mukuru we, ahamwambura avuga ko [...] ukugaruza imari ya Komini. Kuva ubw[o] yahise ajya kumurega mu Rukiko, u[...] idosiye iryamye mu rw'Ubujurire i K[i]gali.

Komeza uru[...]

# Ingabo z'igihugu zaratsinze

Ziyobowe n'Umugaba wazo, Ingabo z'Igihugu zakomye imbere ibitero by'Inkotanyi mu Mutara n'i Gatuna. Icyo zarwaniraga ni ubusugire bw'Igihugu cyacu, none icyo zatsindiye zirakibura zireba. Ubwo busugire buraduca mu myanya y'intoki buhoro buhoro. Ahubwo ibyo Inkotanyi zarwaniraga bimwe bitangiye kuboneka, zirakabaho, ahubwo dutangire dukome yombi ! Abasokuruza bazo bahoze bahatanira guca mu cyanzu, bakagera mu kirambi nyiracyo akiri mu kivi, yatahuka agasanga urwe rwagabwe, n'ize zose. Bitubayeho rero birarangiye. Indangamuntu tugezeho niyo ntambwe ya mbere. Abazi gushishoza bo barangije kuyibonera izina, ngo ni «Injijisho».

## Barabyanga mwe mugatsindagira

Rero bwana Minisitiri, iyo uhamya ko bimwe mu byo Inkotanyi zaje zitwaje ari ubwoko bwanditse mu ndangamuntu yacu, none mukaba mufashe icyemezo cyo kuzihindura mubukuramo, ubwo si ukuvuga ko muzishyigikiye ? Ubwo se utsinze nimwe cyangwa nizo ? Ahubwo intamenya ntibwira umugenzi, kuko iyo zimenya ko ari uko tumeze ntiziba zaririwe ziza gusiga uduhanga twa bamwe mu batware b'ingabo zabo, ziba zarahagaze i Mbarara zigategeka tukabikurikiza. Abasirikari bacu rero bapfuye ku rubamba bapfiriye iki ? Ese Perezida wa Repubulika ajya gufata icyemezo simwe mwamugiriye inama, kandi ko aricyo yabashyiriyeho ? Nyamara nta muturage mwigeze mubaza kandi biragaragara ko kitabanyuze, uretse nyine abari kumwe n'Inkotanyi. Abaturage barabyanze, nyamara Radio Rwanda yirirwa iririmba ngo barabyemeye. Ubwo rero ntaho bitaniye n'amatwara y'Inkotanyi yo guhisha ukuri. Abaturage nyamwinshi barabyanga mwe mugatsindagira kandi aribo bikoreye Revolutio ya 1959 kugira ngo kuva ubwo abe aribo bihitiramo ikibatunganiye. Demokarasi se ni ugufata ibyemezo, nyuma mukaza kubibwira abo baturage ko mwarangije kubakorera imibare, mubabwira ko nta heza h'indushyi ? Muti ba Perefe

*Komeza urup. 8*

## ABATURAGE B'I KINYAMI BATI : BURUGUMESITIRI NI INKOTANYI.

*Bikurikira urup. 6*

Uwo mugabo ntibwamubujije kujya gutema inkwi aho baburana nyuma yo kuzitema yahise ahura n'ibarwa imwirukana nta nteguza (ni congé payé, ni préavis), amwirukana ku buperisebuteri ngo yakoze ikosa rigomba kumwirukanisha. Nyamara mu gihe ikintu utari wagitsindirwa, uba ukiri nyiracyo.

Imanza ni urufaya kuko hari n'umusaza w'umutunzi witwa BAPFAKURERA Petero, uriya muburugumesitiri yamwambuye inka 25 zose, idosiye itangirira mu rw'Iremezo rwa Byumba umusaza aramutsinda, biza mu rw'Ubujurire naho biba uko, ubu aho bigeze ntawahamenya icyakora no mu Rusesimanza ngo byagezeyo.

### Anyereza n'umutungo !

Hari inguzanyo yahawe ishyirahamwe ry'abari barangije C.E.R.A.I. iturutse muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe, ariko ngo umukobwa yaherutse asinyira amafaranga ku mpapuro ngo ntiyamenye irengero ahubwo MIJEUMA ikaba yishyuza abo bari batazi aho Burugumesitiri yayanyujije. Bakemeza ko ariyo yakoresheje Butiki iri iwe. Intumwa ya MIJEUMA ngo yahawuye imwemeje ko ari we ugomba kuzayishyura.

Ngo ajya agusha imodoka akabyegeka ku Mushoferi. Abashinzwe kugenzura umutungo wa Komini bahekutse kumusura bamubaza aho yishyurutse amafaranga y'i Kamyo ya Komini riye amafaranga y'i Kamyo ya Komini yari imaze iminsi imutundira amabuye, amatafari n'umucanga byubakaga inzu ye igisubizo kirabura. Ubwo mperutse yo inzu yari isigaje gusakarwa. Ubwo Burugumesitiri yikomaga Porokireri ngo arya ruswa, agatanga urugero ku ishyamba gusa, abaturage bashoboye kumubaza bati : Ko nta myaka irenga ine (umenya itanuzuye) abaye Burugumesitiri inzu ya Kadasitiri iruzuye, amashyo y'inka i Kinyami arahari, imirima agura n'abaturage abashukisha udufaranga yirengagije Itegeko-teka No 09/76 ryo kuya 04 Werurwe 1976 ryerekeye igura n'igurisha ry'ubutaka, akabazwa ibya Farumasi na Butiki, ruswa yatahurwa he ? Nyamara Porokireri NSENGIYUMVA bamugayaga ko atazi kurya ruswa !

### Inama

Iyo wikomye abarimu n'ukuntu uzi abarimu tubakunda n'umuganga ntumuhange uzi ukuntu dukunda abaganga kandi namwe muri abaganga, SEZIBERA Onesifore agatotezwa azira akamama kubera ko ashinzwe ibibazo kuri Perefegitura akaba anashinzwe kuyobora abaturage babuze ubayobora, bikitiranwa ngo ko baba baje kurega Burugumesitiri ! SEZIBERA ushimwa n'abaturage bose yagombye kubera abandi urugero noneho Burugumesitiri akaba Umugaragu w'abo ashinzwe kuyobora nk'uko byifuzwa buri gihe n'abakuru.

### Muragerageza

Ubere umugaragu bariya barimu barimo Diregiteri wa CERAI Cyuru KANANIYE Pascal na Porofeseri BURUNDI Faranswa wirukaniye akamama Minisiteri y'amashuri yisumbuye itabizi, ubere umugaragu bariya barimu waharabitse kuri Radiyo ngo batwitse ishyamba n'imisozi, umutungo wa Leta ukaba wagaruka uhereye kuri uriya w'ishyirahamwe ry'abari, BAPFAKURERA Petero yishyurwe amafaranga y'inka ze 25, murebe uko mwashakira indishyi umuryango wa Nyakwigendera HAREMIMANA witabye Imana azize ko yarwanye n'umuserire agakubitwa akarinda anogoka, no komora bariya nasanze mu bitaro imbere ya Komini barazize inkoni bagakubitwa iz'inzoka ngo baribye, ubwire Porisi Mukuru asubize ndembo mu Rwubati, nibwo muzashakira amajwi mu baturage kuko gutegeka rubanda ni ukurubera UMUGARAGU.

MUTSINZI Edouard.

# Urubanza rugumye

*URUKIKO RUBURANISHA ABAHUNGABANYA LETA, RUKOMEJE KUBA URWA RUBANDA NUBWO RUTITWARA GITURAGE.*

*Icyemezo cy'Urukiko gifatwaho ukuri : ibyo ni byo tumenyereye. Aho ziriya Nkotanyi ziri, nubwo zisakuza ngo zirarenganye, ubwazo mu mutima imbere ziriyumvira (iri jambo ni irirundi) yuko zitarengana. Burya, nkuko Musenyeri KAGAME Alexis yabitahuye (La philosophie bantoue) umuntu «mountou» ntiyigaya ibyaha yakoze (remords) ahubwo ababazwa n'ibihano agiye kubona, naho icyaha cyo agikora atekereza neza n'ingaruka zacyo umunsi yafashwe (la responsabilité).*

*Ruriya Rukiko ruburanisha abahungabanya Leta, turufitiye icyizere igihe cyose ruyoborwa n'uriya musaza uzi gushishoza, ndetse n'amahanga yemera. Ku ya 23.10.1990 imwe mu ntumwa (umufaransa) z'imiryango ihagarariye ikiremwamuntu yagaragarije ikizere ruriya Rukiko ruyobowe n'umusaza umenyereye imanza zisanzwe, igihe indi ntumwa (umubirigi) yo yari yagiriye ikizere Urukiko rwa gisirikare, rwo rushobora kujuririrwa.*

*Kuba dushyigikiye Urukiko rw'uriya musaza, udashobora kwemera amafuti — ngo avanemo nyungu ki atabonanye ziriya mvi ? — ntibivuga ko tuzitiwe mu gutanga igitekerezo cyaba kinyuranye n'icyarwo ku nzira (procédure) kuko ku mahame (ireme ry'ikiburanwa) ho tuzi ko ziriya nyangarwanda zashakaga gufasha abatutsi gusubira ku ngoma, bikaba byari bifite ingaruka zo kwica abahutu kuko ubutegetsi bw'agatsiko gato bwajyaga gukindagura imbaga nyamwinshi kubera ubwoba buba bufite, bwanga ko buzazungurwa n'ubutegetsi bw'ubwoko bwiganje.*

*Twagiye twumva ibyifuzo bya bamwe ngo inkotanyi zikwiye kwicwa; ubwo kandi zari zitaraburana : ufatanye umuntu intwaro igenewe kurimbura abanyarwanda, urubanza ni uruhe ? Ni urw'iki ? Ndetse bamwe mu bategetsi b'u Rwanda, bageze aho babona ko, aho zashakaga kudushyira, ari ho tuzazishyira. Kandi ubwo imanza zari zitaratangira, ndetse na dosiye z'abafashwe zari zitarashyikirizwa Urukiko, rwo rwonyine rufite ububasha bwo kuvuga ijambo rica umutwe.*



*Maître NGANGO inyuma y'abashinjwa.*

*Amategeko ateye ukwayo. Iyo tubona ba avoka (ababuranira abantu) bifatanya n'imenamaraso bitubera urujijo kuko tutazi uko amategeko akora. None se ni nde wakekaga, mu rubanza rwa KARURANGA na bagenzi be ku ya 03.01.1991 ko RUZINDANA waje guhamwa n'icyaha ku ya 07.01.1991, atahanwa. Ndetse ya mpuguke REINTJENS yatwibukije ko tudakwiye kwita inkotanyi umuntu utarakatirwa burundu n'inkiko.*
*Mbese urebye na n'ubu, MUNYEMBARAGA, nubwo yatahuweho ubugome, ntarakaba inkotanyi. Aracyari umwere kugeza igihe isesa ry'urubanza rirangiriye (nyuma y'iminsi 30). Ndetse afite n'ububasha bwo gusaba isubiramo (reba ingingo ya 116 y'itegeko-teka ryo kuwa 07 Nyakanga 1980 rishinga imiburanishirize n'ububasha bw'inkiko). N... tse mu magambo make, umu... kare ufatanye imbunda inkot... ntafite uburenganzira bwo ku... inkotanyi igihe Urukiko rutaraj... mya icyaha. Ibi bitekerezo bi... nzwe ni byo byatumye twibuts... amategeko ateye ukwayo.*

*Umuntu yakwitwa umw... w'u Rwanda igihe atifatanije n'a... fuza ko inkotanyi zanyuzwamo... rusasu zitaraburana; cyangwa ig... atifuje ko iziburanye zakatirwa... rwo gupfa, cyangwa izikatiwe ur... gupfa zahita zinyuzwamo urus... Mpora nibuka ko abazobereye m... by'amategeko, bamagana «LE... 'TALIONIS» : Martin Luther KIN... Junior yavuze ko umuntu aramu... atoye ijisho mu warimunogoye... abantu bose basigara ari impum... Tugeze igihe cyo kwibaza akam... k'inyigisho twahawe muri Kamin... za, mu makoreji, mu mashuri a... nza.*

*Urubanza rwa MUNYEMB... RAGA na bagenzi be rwabaye... ibintu byinshi, rubamo n'amakub... ni imanza nke zisomwa gatatu m... iburanishwa kuko dusanzwe tuzi... urubanza rusomwa rwaraburanis... jwe. Ku ya 28.12.1990 rwarabu... nishijwe rurasomwa rusubikwa n... dakijijwe. Ku ya 21.01.1991 rwar... buranishijwe rurasomwa, rutara... kizwa. Ku ya 23.01.1991 rusom... rwa MBONAMPEKA wari ukem... nze Urukiko ko rubogamiye ku r... hande rumwe, rukitwara nk'aba... rage.*

*Ku ya 28 ntabwo ababura... bari basomye dosiye zabo ngo b... bone uko biregura : kubaburanis... byajyaga kurengera uburenganz... bwo kwiregura, uko buteganyw... mu gika cya gatatu cy'ingingo y... 14 y'itegeko-nshinga :*
ukwiregura ni uburenganzira bud... hugana mu bihe byose by'ibura... sha n'imbere y'inkiko zose.

komez... ...reka wa 2

